# IGITABO CY'AMAHORO

## MUTAGATIFU KIZITO



UBUTUMWA BWAKIRIWE NA Sr MARCIANE

09 MATA 2023

MONAKI

COPYRIGHT 2023 MONAKI
Tous droits réservés.

# Ingingo zigize igitabo cy'Amahoro

MUTAGATIFU KIZITO : IGITABO CY'AMAHORO .............. 3

INTANGIRIRO................................................................. 3

1. GUHARANIRA AMAHORO NK'UMWANA W'IMANA 14

2. YEZU KRISTU UMUGABUZI W'AMAHORO MU BANTU ........................................................................ 21

3. UMUZI W'AMAHORO USHIBUKAHO IBYISHIMO N'URUKUNDO NK'UMUSABANO URANGA ABANA B'IMANA.................................................................... 31

4. UKO NAHARANIYE AMAHORO, NKAYABAMO, NKANAYASAKAZA MU BANDI..................................... 39

5. NI IGIHE CYO KUZIMYA NO KUZIMIZA IBIBUZA MUNTU AMAHORO N'IBITERA IMIDUGARARO MU ISI. 50

UMWANZURO ............................................................ 56

**MUTAGATIFU KIZITO : IGITABO CY'AMAHORO**

**Tariki 09 Mata 2023**

## INTANGIRIRO.

Amahoro akomoka ku Mana kandi amahoro n'umugenzo mboneramana, kandi umugenzo ukwiye kuranga umukristu wese, kandi uwa kristu wese koko wamenye Kristu, akamumenya akamusobanukirwa kandi akamenya urukundo rwe, akamenya ububasha bwe, kandi akamenya imbaraga ze mu gukunda ndetse no mu kwirekura muri byose bityo akakira ayo mahoro amukomokaho yayandi yatangaje azuka kandi yayandi yasesekaje mu ntumwa ze aho zari zihebye kandi aho zari ziri guhinda umushyitsi, zitewe ubwoba n'abashobora kuzigirira nabi, kandi zitewe ubwoba nuko uwo bari begamiye abavanwemo kandi batakiri kumwe kandi bari bamwizeye, kandi ariwe bari begamiye, bityo akabasanga kandi akabigaragariza, abaha koko amahoro, ayabasesekazaho bityo bigatera buri wese guhumuka kandi biha buri wese koko kongera kumenya ko urukundo rwa Yezu Kristu kandi urukundo rw'uwo bari begamiye, n'amahoro ye akiri muribo, kandi abakomeje bityo akabaha imbaraga zo gukomera no kurushaho kumva koko ko ari aba kristu kandi bamuyobotse mu kuri.

Amahoro rero n'ikimenyetso cy'abana b'Imana kandi amahoro n'imbaraga zituruka mu kwemera Imana ndetse no mu kuyiyoboka mu kuri, kwemera ko Imana

ishoboye byose kandi kwemera ko Imana iri hejuru ya byose.

Amahoro rero ni ingingo nterahirwe kandi ni ingingo y'abahire, kuko hahirwa abatera amahoro kuko bazitwa abana b'Imana kandi koko bikaba ari ihame rikomeye kandi akaba ari imbaraga zikomeye zituruka koko mu kuba ufite Imana, kandi uwamenye Imana aba agomba kuba umuteramahoro mu bandi kandi akaba koko ikimenyetso cy'amahoro mu bandi kandi mu buryo bukomeye, kandi mu mbaraga zikomeye zigomba kugaragarira Isi kandi zikagaragarira abo bari kumwe igihe cyose.

Amahoro rero ni ikimenyetso cy'ubumwe kandi amahoro ni ikimenyetso cy'uwifitemo ituze kandi cy'uwifitemo urukundo n'ibyishimo, kuko udafite amahoro yigiramo urwango rukomeye, kandi udafite urukundo yigiramo koko urwango rukomeye, kandi akiburamo amahoro, niyo mpamvu rero amahoro ari ikimenyetso gikomeye cy'abemera Imana kandi kikaba ikimenyetso gikomeye cy'abazi Imana bayimenye bakayisobanukirwa bityo aho bari hose bagatera amahoro, bakirinda umwaga kandi bakirinda inabi.

Amahoro rero ni ubumwe bw'abana b'Imana kandi amahoro ni imbaraga z'abana b'Imana kuko ari imbuto ituruka ku rukundo kandi ikaba imbuto ituruka mu kwakira byose, ndetse no kwemera byose mu muntu, kuko ufite amahoro nta kimubangamira kandi ufite

amahoro imbere y’inabi asakaza amahoro kandi imbere y’urwango agatanga amahoro bityo akaba ikimenyetso koko cy’isoko ikomoka kuri Kristu, kandi ikimenyetso cy’uwatsinze byose kandi akihanganira byose, akanyura muri byose, kandi akakira byose. Ntushobora rero kuvuga ko ufite amahoro kandi utayatanga, atakugaragaraho kandi Atari mu buzima bwawe, kuko amahoro ari imibereho kandi amahoro akigaragaza mu buryo umuntu abayeho mu mikorere ye kandi mu mvugo ye ndetse n’ibikorwa bye, kuko amahoro Atari ikintu umuntu ashobora guhishira, kandi amahoro si imbaraga umuntu ashobora gusubiza inyuma, kuko Yezu Kristu yabigaragaje yemera kuyatanga mu ntumwa ze, bityo aho bari bafungiranye kandi bari bifungiranye bagasakarwamo n’ayo mahoro ya Yezu Kristu kuko batamenye aho aturutse kandi batamenye imbaraga zibagezeho aho ziturutse kuko amahoro ari ububasha bw’Imana kandi amahoro koko akagaragaza ikimenyetso cy’ubutwari ndetse n’ikimenyetso cy’imbaraga zikomeye, ufite amahoro rero atambuka aho abandi badashobora gutambuka, kandi ufite amahoro muri we amenya ababaye akabahumuriza, akamenya abihebye akabasanga bityo akabasakazamo ayo mahoro yifitemo kandi akabasakazamo izo mbaraga z’urukundo atunze muri we.

Amahoro rero n’isoko ngari kandi amahoro n’ikimenyetso cy’ubumwe bwabana b’Imana koko kuko abana b’Imana bagomba kurangwa iteka no gutera

amahoro kandi bakarangwa iteka no kuyasakaza mu bandi, kugira ngo bazimize urwango rw'umwanzi kandi bazimize intambara zikomoka ku mwanzi ko nta ntambara n'imwe idakomoka ku mwanzi kuko iteka umwanzi icyo ashaka n'amahane mu bantu, kandi icyo ashaka n'umwiryane mu bantu. Niyo mpamvu rero amahoro ari imbaraga kandi amahoro akaba ubutwari bukomeye mu guhindura byose kandi mu kugaragaza byose, uko biteye n'uko biri, kuko mu mahoro ukuri kurigaragaza kandi mu mahoro ineza ikigaragaza, mu mahoro ubutwari bukigaragaza, ndetse mu mahoro ikidashoboka kigashoboka kandi kigakoreka, kuko amahoro ari isoko ya byose kandi amahoro akaba koko imbaraga zifasha abemera Imana mu gukomera mu bigeragezo kandi amahoro akabafasha kudahungabanwa n'ibihita ndetse n'ibibakomereye by'Isi, kuko ufite amahoro adakangwa n'urupfu kandi ufite amahoro ntabwo akangwa n'inzangano, kuko iteka amahoro amubanza imbere akaba ariyo asakaza, kandi akamubera ituze n'ibyisho mu buzima bwe bwa buri munsi.

Mu mahoro rero ntabwo ibigeragezo bitentebura umuntu kuko yiyumvamo imbaraga za Yezu Kristu watsinze kandi Yezu Kristu uri hejuru ya byose agahora iteka amwiziritseho kandi agahora iteka amwihambiriyeho mu buryo bukomeye kandi bagasabana muri izo mbaraga z'ububasha bwe yizuranye kandi agatangaza amahoro kuko ari ikimenyetso cy'ububasha bwo kunyura ahakomeye kandi kikaba

ikimenyetso cy'ubutwari budakuka ku muntu kuwemeye kwakira insinzi ikomoka kuri DATA kandi ku mwana w'Imana iteka aba umuteramahoro kandi iteka akaba umuterabyishimo mu bandi n'urukundo.

Amahoro rero nyavuga nk'uyazi kandi amahoro nyatangaza nk'uwayabayemo kandi uwayatuyemo igihe cyose mu buzima bwanjye, kuko naranzwe iteka amahoro kandi akaba ari isoko nanjye nagabiwe na Yezu Kristu ku buntu ndetse n'imbaraga ze zikomeye kuko nagombaga kuyagaragaza kandi amahoro akemura amakimbirane bityo amahoro agatanga ituze agahosha intambara zikomeye. Iyo umuntu yifitemo amahoro ntatuma hari abashyamirana kandi ntatuma amakimbirane agera aho ari kuko iteka ayahindisha urwo rumuri rw' amahoro kandi akayahindisha urwo rumuri rw'urukundo ruturuka muri Yezu Kristu, kuko amahoro ahosha byose kandi akarangiza byose.

Isi rero yibuzemo amahoro kandi Isi yibuzemo izo mbaraga z'ubutwari kuko benshi batinya kuba mu mahoro kandi banshi bagatinya kubaho mu kuri kuko amahoro ajyana n'ukuri kandi amahoro akajyana n'ubumwe bukomeye umuntu yibonamo mu bandi kandi yigiramo mu bandi bityo akakira bose kandi akabona bose mu ishusho y'Imana kuko nyine aba ari umuteramahoro, bityo abateramahoro koko bakaba abana b'Imana igihe cyose aho bahuriye bagasabana kandi ikibahuje kikaba ari amahoro, ituze n'urukundo,

ukuri muri byose, maze ibyo ngibyo bigatuma Isi idashobora ku byakira kuko Isi itifitemo amahoro kandi Isi ikaba iyasonzeye, hari benshi bayashonje kuko amahoro akwiriye kwigaragaza mu Isi kandi amahoro akaba akwiriye kumenyekana mu Isi hose kugira ngo imbagara zayo zigaragaze kandi zihindure byose.

Yezu Kristu rero yayatangaje ku mpamvu yuko yarazi ko Isi itifitemo amahoro kandi ku mpamvu yuko yari azi ubugome bwa Mwene Muntu ndetse no guhora mu ntambara z'urudaca bityo atangariza Isi yose amahoro kandi agaragaza ubumwe n'imbagara afitanye n'abamukurikiye kandi n'abamuyobotse, bityo yongera ku basakazamo ayo mahoro kandi yongera kuyabatuzamo kugira ngo bakomere kandi bagire ihumure.

Ikimenyetso rero cy'amahoro ni ikimenyetso cyo kunga kandi cyo guhuza abatatanye, guhuriza mu bumwe kuko amahoro ahuza bose kandi amahoro akakira buri wese. Ntabwo amahoro yishisha kandi ntashisha abandi kuko iteka amahoro ari urukundo kandi urukundo rukaba amahoro.

Uwifitemo amahoro rero ntakimuhungabanya kandi uwifitemo amahoro iteka abona imbaraga za bose kandi iteka akiyumvamo ububasha bwa bose, ko agomba gushyigikirwa n'imbaraga z'abandi kandi agomba gushyigikira imbaraga z'abandi nta numwe ahutaje kandi nta numwe ashyize inyuma y'umurongo kuko buri wese

amubonamo isura y'Imana kandi buri wese akamubonamo ikimenyetso cy'urukundo rw'Imana. Ufite rero amahoro muri we ntahungabanywa kandi ntagishobora gucubanganya amahoro ye kuko aba yubakiye kuri Kristu Nyagasani we rutare rutanyeganyezwa kandi rutare rutavogerwa rw'abemera Imana ndetse n'abayigana igihe cyose.

Amahoro rero ni ikimenyetso cy'imbaraga kandi amahoro ni ikimenyetso cy'ubumwe bw'abemera Imana, kandi ubumwe bwabemenye Kristu bakamenya urukundo rwe kandi bakamwakira muribo bityo bakakira imbaraga ze kandi bakakira ububasha bwe kuko nta nta kimwe kibagishobora kubahindura kandi nta nakimwe kiba gishobora kubakura kuri ayo mahoro, kuko ufite amahoro yemera kwitangira abandi kandi ufite amahoro akemera guhara byose, akemera kwiyanga ubwe kugira ngo abandi arwanira kandi arwanirire bose babone ayo mahoro kuko amahoro ajyana no kwitanga kandi amahoro akajyana no kwiyemeza gukomeye kandi guhagarara ku kuri kucyo umuntu azi neza kandi ahagazeho, bityo bikamuha umusabano ndetse bikamuha guturana n'Imana igihe cyose, kuko ufite amahoro y'umutima kandi amahoro aturuka kuri Yezu Kristu ahorana umusabano n'ijuru ryose, kandi agahorana ubumwe n'ijuru ryose, kuko aba ari umwana w'Imana utagirwaho impaka kandi aba ari umwana w'Imana mu buryo bugaragara kandi mu buryo bufatika kuri buri kimwe cyose, bityo ayo mahoro ye

akamufungurira byose kandi ayo mahoro yifitemo akamuha gukomeza inzira y'urukundo, kandi gukomeza inzira y'umusabano n'ijuru ryose, kuko aba atunze Kristu we kimenyetso cy' amahoro n'ubumwe mu bantu kandi ikimenyetso cy'imbaraga n'ubutwari mu bantu, ku rugamba ndetse no kubaka imitima ayisanishije amahoro amusohokamo kandi ayisanishije amahoro aturuka mu bubasha bwe butavogerwa, yatsindishije Isi bityo agatangariza Isi yose amahoro kandi akayamenyekanisha mu Isi yose.

Amahoro rero n'imbaraga umuntu yiyumvamo kandi amahoro ni ituze rihamiriza umuntu uwo ariwe kandi iryo tuze rikamuha kudakangarana ndetse no kumva ahagaze mu bubasha bukomeye, igihe cyose yumva ari mutanyeganyezwa kandi ari mudahungabanywa n'ibihise byose, kuko amahoro atanga ituze kandi akarinda urwikekwe n'urugomo mu muntu, kuko ufite amahoro iteka ahora muri we ashagawe n'ibyishimo kandi muri we hagahora hasusurutse, mu mutima we hagahora iteka hashakisha icyiza kandi hagahora iteke hatuyemo imigenzo myiza ikurura iyindi, kandi imigenzo myiza ishingiye ku bupfura ndetse no kubaha Imana, kuko ufita amahoro adashobora gukora igisuzuguza izina ry'Imana kandi adashobora gukora ikigayisha izina ry'Imana, kuko iteka yitwararika kandi iteka akajyendera mu murongo wa Yezu Kristu kugira ngo ahore iteka ahamanyije nawe kandi ahore iteka mu mbaraga ze

kugira ngo ububasha bwa Yezu Kristu buhore bumuramira kandi buhore bumurengera igihe cyose.

Amahoro rero n'isoko y'agakiza ku muntu kandi ikaba isoko y'agakiza ku bantu bose, kuko uyafite aba atari aye ahubwo aba ari ikimenyetso cyo kuyatera mu bandi ndetse no kuyasakaza mu bandi, kuko amahoro atagarukira mu muntu we ubwe ahubwo arenga imipaka kandi agasakara mu bandi, mu baturanyi, mu bavandimwe, n'incuti, bityo amahoro akamera nk'urumuri rwakiye Isi yose kandi urumuri rwakiye mu mibereho y'abantu mu guhindura ubuzima bwabo kandi mu gutangaza imbaraga z'urukundo n'ibyishimo bikomotse mu mahoro.

Amahoro rero ava mu muntu mu kumenya uwo ariwe, mu kwiyakira, kandi mu kumenya icyo asabwa kandi ahamagarirwa mu bubasha bw'ijuru kandi mu kuyoboka Imana, kuko amahoro ari ikintu cyiza mu muntu kandi akaba ari imbaraga ziyubaka mu muntu mu buryo bukomeye Isi idashobora kugeraho kandi Isi idashobora kugamburuza, kuko amahoro n'ikimenyetso cy'imbaraga z'urukundo kandi ni ikimenyetso cy'imbaraga z'Imana isumba byose, kuko mu mahoro haboneka izo mbaraga zikomeye zidashobora kunyeganyezwa kandi zidashobora guhindurwa na Mwene Muntu we ku giticye, ndetse no kugiti cy'abandi kuko icyo gihe aba atakifiteho imbaraga ze kandi aba atakifiteho ububasha n'uburenganzira, kuko aba ari ububasha buba bukomeye

ijuru riba ryamwujuje kandi hari imbaraga zikomeye aba yaramaze kwakira muri we ndetse no kubaka muri we, bityo izo mbaraga zikamuha kuba umunyamahoro kandi zikamuha kuba umunyetuze igihe cyose, ntagire ubwo adandabirana kandi ntagire ubwo ahungabana kuko aba yubatse ku mbaraga zikomeye kandi yubatse kuri Kristu we rutare rw'amahoro kandi rutare rukiza bose, kandi we mahoro asesekara muri bose ntanahamwe ahejwe kandi ntanahamwe ayo mahoro ahejwe mu rukundo rwa Kristu.

Amahoro rero ni ikimenyetso cyizo mbaraga, kandi amahoro n'ububasha bukomoka mu mbaraga z'Imana kuko Uhoraho ari amahoro ya bose kandi Yezu Kristu akaba ubuhungiro n'amahoro ya bose. Amahoro rero kuwayamenye kandi kuwayakiriye anyura muri byose kandi akakira byose igihe cyose akaba aziko amahoro yifitemo agomba kurangiza byose kandi agomba guhagarika byose no gukemura byose.

Amahoro rero ajyana no kwizera kandi amahoro ajyana n'imbaraga z' ukwemera, kuko ufite amahoro ahora iteka yizera kandi ufite amahoro iteka agahora yemera, kuko icyo yemera aricyo kimuha gusabana kandi icyo yemera akaba aricyo kimuremamo ayo mahoro kandi amahoro akomoka ku rukundo rw'Imana akaba anubakiye ku rukundo rw'Imana, na mugenzi wa buri muntu muri buri wese, kuko buri mwana w'Imana agomba kuba ikimenyetso cy' amahoro kuri mugenzi we, kandi akaba

ikimenyetso cy'ubumwe mu bavandimwe kabone naho yaba ari abakwanga kandi kabone naho yaba ari abatagushakira icyiza, wowe ugomba kubashyira urwo rumuri rw' amahoro iteka ugaca bugufi kuko amahoro ajyana no kwiyoroshya, kandi amahoro akajyana noguca bugufi bityo ufite amahoro akemera koko guhara byose kandi akemera kwakira bose muri urwo rukundo rw'amahoro.

Amahoro rero ni imbaraga zidashobora gusubizwa inyuma, kandi amahoro ni ububasha budashobora guhindurwa na Mwene Muntu cyangwa ngo Isi ibe yayakura mu muntu, kereka ayo umuntu yiha y'umwanya muto, ariko amahoro nyamahoro akomoka ku Mana kandi yubakiye ku bubasha bw'Imana ntashobora kunyeganyenzwa mu muntu, kandi ntashobora guhungabana mu muntu kuko iteka ahora yuzuye kandi ahora asendereye, bityo akemera kubaho muri byose abigiriye amahoro kandi akemera kubaho mu rumuri rw' amahoro ayasakaza mu bandi kandi ayahinduza benshi mu Isi.

# 1. GUHARANIRA AMAHORO NK'UMWANA W'IMANA

Amahoro ni ubuzima buri wese akwiye kubaho nk'umwana w'Imana kandi n'imibereho ikwiye kuranga abana b'Imana bose, kuko nta numwe utarahanzwe mu ishusho ry'Imana kandi nta numwe utariho mu bubasha bw'Imana isumba byose akaba ariyo mpamvu buri wese mu kubaho kwe kandi mu mibereho ye akwiriye guharanira amahoro kandi akwiriye gutanga ayo mahoro, kuko ari inshingano za buri wese kandi akaba ari uruhare rwa buri wese mu kugaragaza ubumwe yubatswemo n'Imana kandi ubumwe afitanye n'Imana yamuhanze kandi Imana itanga amahoro mu bayo kandi igatanga amahoro mu kiremwa muntu. Benshi rero bibaviramo impamvu yo kuyivutsa kandi bikababera intandaro yo kuyabuza abandi ku mpamvu yo kutamenya inshingano zabo no kutamenya icyo bahamagarirwa, ngo bamenye ko bagomba gutanga amahoro kandi bamenyeko guhana amahoro muri bagenzi babo, bityo bakaba koko abateramwaga mubandi kandi ababuza abandi amahoro, bityo ahagombaga kuba amahoro hakaba inzangano zikomeye kandi hakaba intambara z'urudaca.

Niyo mpamvu amahoro rero benshi bayiburamo kandi bakayabuzanya kubwo kutamenya inshingano zabo kandi kubwo kutamenya kubaho muri ayo mahoro kuko

bayagabirwa n'Uhoraho kandi bakayagabirwa Yezu Kristu. Niyo mpamvu rero umwana w'Imana akwiriye kubaho ayo mahoro kandi akayabiba mu bandi, amahoro rero n'ishingiro rya byose mu Isi kandi n'ishingiro ry'abemera mu kubana muri byose no gusangira byose kuko hari amahoro ntamwaga uharangwa kandi ahari amahoro hahora ituze igihe cyose kandi hagahora ibyishimo bihoraho mu bantu n'imbaraga zikomeye mu bantu.

Niyo mpamvu rero igihugu kandi umuntu wibuzemo amahoro iteka hahora intambara kandi hagahora amakimbirane y'urudaca, bityo icyari icyiza kigahora ari ikibi kandi n'uyateye akazimizwa, kandi agakurwa mu murongo kuko amahoro iteka agendana n'ububasha bukomeye kandi amahoro iteka akajyendana no kurwanya akarengane no gukura mu nzira igitambamiye ukuri kandi igitambamiye ugushaka kw'Imana icyo aricyo cyose.

Ku wemeye rero kumenya ko ari umwana w'Imana kandi ahamagarirwa kuba isoko y' amahoro mu bandi ndetse n'isoko yo kubaho mu gushaka k'uwamuhanze igihe cyose, iteka atangaza amahoro kandi iteka akavubura ayo mahoro agafasha bose kandi agafasha byinshi guhinduka mu Isi kuko ikibuze mu Isi ari amahoro kandi ikibuze mu Isi no mu bantu akaba ari ukubura ayo mahoro mu bantu ndetse no kutiyumvisha ububasha bwayo mu bantu, iteka abantu bagacabiranya kandi iteka

bakirengagiza ikibakiza n'ikibazanira agakiza, ikibazanira ituze ndetse n'ikibaha kuremwa bundi bushya nk'ibiremwa by'Imana igihe cyose.

Amahoro rero ni urufunguzo rw'ibyiza by'ijuru, kandi amahoro ni imbaraga z'ububasha bukomoka mu Mana DATA, kandi mu bubasha Yezu Kristu yagaragaje kuko yifurije Isi yose amahoro kandi akayatangaza mu Isi hose mu buryo bw'umwihariko. Uharanira rero amahoro iteka ntadohoka kandi uharanira amahoro iteka yemera kwakira byose kugira ngo intsinzi yicyo aharanira kigerweho kandi imbaraga ashyira mu guharanira ayo mahoro ndetse no guha abandi amahoro kuko nawe bimuzanira ibyishimo kandi bikamuha imbaraga, bikamukuraho urubanza kuko ufite amahoro kandi uyatanga agendera mu butabera bw'Imana kandi akagendera ku minzani itabeshya, igipimo cy'ububasha bw'Imana kuko aba yisanisha na buri wese kandi akishyira ku kigero cya buri wese ntawe ahutaje, ntawe ashyize ku ruhande, kandi nta nuwo asumbishije undi kuko amahoro atanga umutekano kandi bityo amahoro agatanga uburinganire mu bantu. Niyo mpamvu rero uwibibyemo amahoro, kandi uwayahinze akayasarura, uwo nguwo acyura nyawo kandi agacyura umusaruro ushyitse.

Nibyiza rero ko umwana w'Imana kandi uwemeye koko kumva ko ari umwana w'Imana akanyura muri batisimu akanyura kandi koko mu bubasha bwa Kristu watsinze

kandi Kristu wahinduye byose ntatana n'amahoro kandi ntatana no kuyatanga mu bandi kuko amugarukira kandi nawe akamuha ituze, bityo iteka agahora agendera mu ukuri kandi iteka agahora agendera muri ubwo bubasha.

Amahoro rero ni imbaraga zikomeye kandi amahoro ni ubumwe bw'abijuru kandi amahoro ni ikimenyetso n'umusabano w'abijuru, kuko mu ijuru ntamakimbirane abamo kandi mu ijuru nta matiku abamo kuko iteka hahora ibyishimo kandi hagahora amahoro, biyo buri wese uwaruhukiye kandi uwayabonye wabonye ibyiza by'ijuru akaba aruhukiye mu mahoro. Niyo mpamvu rero Isi yose igomba kwambara amahoro kandi ububasha bw'ijuru bugomba kwigaragariza Isi yose mu kuyiha amahoro iteka, kuko nta narimwe tuza kandi nta narimwe tumanuka mu ijuru tudatanga amahoro kandi tutifuriza Mwene Muntu amahoro kuko Isi iyabuze kandi Isi ikaba iyakennye bityo akaba ari ngombwa ko tugomba kubakenura ku mahoro kandi tukabasakazamo amahoro, kuko nugerageje kuyavuga mu Isi ayabuzwa kandi n'uyatanze mu Isi akayaryozwa. Niyo mpamvu rero twe tudahwema kuyatanga kandi amahoro atazahwemo guterwa mu Isi hose, kuko imbaga ya benshi kandi imbaga y'abemera Imana ihari yo kugira ngo itere ayo mahoro kandi yikirize ayo mahoro dutera, bityo iyakire muriyo kandi iyasakaze mu Isi hose mu buryo bw'umugaragaro kandi mu buryo bw'ububasha budakumirwa bw'Imana DATA.

Ni igihe rero cy'amahoro mu Isi kandi ni igihe cyo kugaragaza amahoro mu Isi, kuko abana b'Imana bazayahorana kandi abana b'Imana bakaba bayitonzemo ntagishobora kuyanyeganyeza, kandi ntagishobora kuyavogera, kuko imbaraga z' amahoro zigaragaza mu bubasha bwazo kandi imbaraga z'amahoro zikigaragaza mu bikorwa ndetse no mu bimenyetso bifatika. Ni igihe rero cyo kugira ngo amahoro y'ijuru kandi amahoro yacu asesekare mu Isi kandi ahindure byose mu Isi, akureho imidugararo mu bantu kandi yimure ikibi n'inzangano mu bantu, bityo buri wese yiyumvemo amahoro kandi buri wese asabagizwe n' amahoro, kuko ari igihe cyo kugira ngo byose bibe bishya kandi byose bihindurwe bundi bushya, maze imbaraga z'Imana kandi ubutegetsi n'ubugenga bwayo mu ngoma y'amahoro irusheho kumvikana mu Isi hose kandi irusheho gusakara mu Isi kuko ariyo Yezu Kristu yasize araze Mwene Muntu kandi ariyo yakomeresheje abe kugira ngo bature iteka mu maho kandi babane iteka mu mahoro.

Ni igihe rero cyo kugira ngo amahoro ya Kristu aganze muri bose kandi amahoro ya Kristu amenyekane muri bose bityo abe ishingiro ry'imbaraga kandi abe ishingiro ry'ubuzima bushya muri Mwene Muntu n'imibereho ivuguruye ishingiye ku rukundo ndetse n'ibyiza bikomoka ku mahoro. Amahoro rero aho ari intambara zirahashira kandi amahoro aho ari haboneka ubuzima n'uburumbuke, kuko nta matiku aba agihari kandi nta ntambara ziba zigihari, bityo abatunze bagatunganirwa

kandi abafite bakongererwa, kuko amahoro azana byose kandi amahoro agafungura imigisha ku bayafite, kandi agafungura imbaraga ku bayatunze n'abemera kuyakira, bityo bagahora iteka mu burumbuke kandi bagahora iteka mu nganzo nziza y, amahoro kandi bayatera bakanayikiriza, bityo bagahorana ubumwe kandi bagahorana urukundo rushyitse, rwubakiye ku byiza by' amahoro kandi bwubakiye ku bumwe bw'abana b'Imana ndetse n'ubwiyunge, kuko uwacumuye afite amahoro yihutira kwiyoza kandi akihutira kwisukura bityo agahabwa imbaraga kandi akongera akavomererwa ububasha bumufasha gutura mu mahoro kandi bumufasha kuyabamo uko bikwiriye no kuyagenderamo uko bikwiriye.

Amahoro rero ikimenyetso cy'abana b'Imana kandi amahoro n'imbaraga z'abana b'Imana bakwiriye guharanira kandi bakayaha abandi, bakayogeza mu bandi bakaba koko abakozi mumuzabibu w'Uhoraho mu gusakaza amahoro kandi mu kuyashimangira mu Isi hose kuko azigaragaza kandi amahoro akaba azatsinda urwango, agatsinda inabi kandi agatsinda amakimbirane yose kuko agomba guhindura byose mu Isi, amahoro kandi akagaragaza byose mu Isi, kuko aho amahoro ari ntamwaga uharangwa, nta n'ikibi kiharangwa. Niyo mpamvu rero amahoro azimura icyo kibi cyose kandi amahoro agasakaza ubumwe bw'abana b'Imana, ndetse no kumvira kw'abana b'Imana bityo bakavoma ku isoko ngari y' amahoro, kandi bakavoma ku isoko ngari

y’ibyishimo n’urukundo. Amahoro rero ni ingenzi mu mibereho y’abana b’Imana kandi ni ishingiro ryo gukomera mu bana b’Imana, kuko igihe hari amahoro buzuzanya kandi igihe hari amahoro buri wese akibona mu wundi kandi akibonamo ishusho y’uwamuhanze muri mugenzi we, bityo agakunda kandi bagakundirana bagakundana bityo bakunga ubumwe muri byose, maze bagasakaza amahoro mu Isi, kandi bakayubaka mu Isi mu buryo bukomeye mu mbaraga zitavogerwa kandi mu bubasha budakumirwa bw’imbaraga z’ amahoro kandi mu mbaraga z’ubutwari bukomoka ku mahoro kandi ubutwari mu kwakira urukundo no mu kubaho mu kwemera, Mwene Muntu yizera Imana yo nyine.

## 2. YEZU KRISTU UMUGABUZI W'AMAHORO MU BANTU

Kristu yaje mu Isi kugira ngo adufungurire isoko y' amahoro kandi ngo adufungurire isoko y'imbabazi mu bantu, kuko arirwo rukundo yazaniye Isi yose kandi akaba arizo mbaraga yazaniye Isi yose, mu kwemera guca ahakomeye kandi mu kwemera kunyura mu bigoranye, yarabanje kubana n'abantu kandi yarabanje kubagaragariza urukundo rukomeye, umubano mwiza muri bo ndetse n'urugwiro abafitiye, bityo abakorera byinshi, arabahaza, arabafungurira kandi abereka igikwiye n'igitunganye, abigisha inkuru nziza y'agakiza yari azaniye Isi yose kandi abafungurira amayira yo kwemera, ukwihana ndetse no kuyoboka Imana mu buryo nyabwo binyuze mu rukundo yari afitiye ikiremwa muntu kandi mu mbaraga zikomeye yari azaniye Isi yose, bityo izo inzira zose yanyuzemo kandi uko kwiyegereza Mwene Muntu kubamwakiriye ndetse n'abamutereranye ntiyahwemye gukunda kandi ntiyahwemye kubagaragariza ayo mahoro, kuko ntawe yigize yihimuraho kandi ntawe aryoza ibyo yamugiriye ndetse n'urukundo yamugaragarije.

Yakomeje kubana na bose mu mahoro kandi akomeza gufasha bose abigiriye urukundo, kuko yari azi icyo yaje kwigisha Isi kandi yari azi icyo yari yaje gufasha Isi ku buryo bukomeye bwo kuyisakazamo amahoro yari yaribuze kandi amahoro itari yifitemo, yemera guca muri

byose kandi yemera kwihanganira byose kugira ngo ageze Mwene Muntu ku ndunduro y'inyigisho yari amuzaniye kandi kundunduro y'ibikorwa yifuzaga ko Mwene Muntu agomba kunyuramo kandi agomba kubamo, kugira ngo yakire byose kandi abeho byose muri urwo rukundo n' amahoro.

Ntabwo Kristu yigize yinanirwa kandi ntabwo yigize yigamba ku bishi be ndetse n'abamugiriraga nabi, abamunnyegaga, abamupfobyaga, kandi abahinyuraga icyo akoze abigiriye urukundo, agira ngo abigishe ingoma ya Se uko igomba kubaho kandi uko bagomba kuyibamo, ibyo byose ntibyigeze bimuca intege kandi ntibyigeze bimubuza kugera ku mugambi ndetse no kugena ku ntumbero y'icyari cyamuzanye mu Isi, kuko yakomeje kugaragaza imbaraga ze zose kandi agakomeza kugaragaza ubwo bubasha bukomeye, kugira ngo abugezeho Mwene Muntu kandi abwinjizemo Mwene Muntu muri iryo banga rikomeye ryo kubaho mu mahoro ndetse n'urukundo, kuko ntakigeze kigamburuza amahoro yari afite muri we kandi amahoro yari azaniye Isi yose.

Yakoze rero mu buryo bw'ubumana kandi akora mu ishusho y'Imana Se, yemera kwakira byose kandi yemera kunyura muri byose, kuko atigize yitura Isi ibyo yamwituraga kandi atigize ahora Isi ubugome yamugiriraga ndetse n'ubugambanyi, ibyo byose arabirenga, arabyakira, ibyishimo bikomeza kubaho muri

we kandi amahoro akomeza kubaho muri we, ayasakariza Isi yose kandi ayasakariza ikiremwa muntu cyamugiriraga nabi, kandi cyamwifurizaga inabi mu buryo bugaragara kandi bamwe bamuvumagiza kandi bamutererana mu buryo bwo ku mugaragaro, ariko ibyo byose ntibyamubujije gukomeza kubagirira neza, gukomeza kubitaho, kubahunda imigisha ndetse no kubaha amahoro, kuko hari henshi yakomeje kurwana intambara ikomeye kandi yakomeje kugenda yitambikira Mwene Muntu kugira ngo amusesekazeho amahoro, kuko hari intambara yahoshaga muri uko gutanga amahoro kwe, kandi muri uko guhagarika inabi ya Mwene Muntu, kuko Mwene Muntu yamwatakaga kandi yamuvogeraga agira ngo ahinyuze kandi ateze imvururu n'amahane, ariko Yezu Kristu nk'umugabuzi w'amahoro agaharanira icyiza kandi agatanga urumuri ruhosha y'amakimbirane kandi ruhosha imyivumbagatanyo benshi bamuzamuragaho kandi bashakaga kumugaragariza.

Ni urugero rero rwiza rw' amahoro mu bantu kandi ni urugero rwiza rwo kwihanganira byose no kunyura muri byose, kuko atigeze ananirwa gukomeza kwihambira ku mahoro ya Se kandi gukomeza kwihambira ku mahoro yazaniye Isi, yewe no ku giti cy'umusaraba akomeza kuba ari wawundi kandi akomeza gutanga amahoro no kuyifuriza bose, kugeza ubwo azutse kandi kugeza ubwo atangaje ibyiza ndetse atangaje igitondo gihire cy'izuka rye, agaba amahoro kandi ayagabira buri wese,

n'abarinzi abiyereka ko ari muzima kandi ariwe wakoze byose. Ntabwo rero yigeze abyazamo abantu amakimbirane, kandi ntiyigeze ababyazamo amahari, kuko yisobanuraga kandi agatangaza amahoro akavuga icyamuzanye, kuko yaje gutanga amahoro mu Isi kandi yaje gukongeza umuriro w' amahoro, kugira ngo buri wese ikimurimo kibi gisohoke kandi buri wese ikimurimo gitambamiye urukundo rw'Imana kimuvemo, bityo Kristu atangaze amahoro kandi Kristu atangaze imbaraga z'ububasha bwe mu Isi hose.

Yabaye rero umwami w' amahoro kandi w'Ituze mu bantu, aba umwami w'ibyishimo kandi aba umwami w'urukundo mu bantu kuko atigeze ananirwa gutanga amahoro kandi atigeze ananirwa gusakaza amahoro mu bantu kuko yayasakaje ku kiremwa muntu kandi akagisendereza ayo mahoro. Niyo mpamvu rero nk'umugabuzi w' amahoro kandi ishingiro ry' amahoro mu Isi hose yifitiye ijambo rye kandi yifitiye imbaraga ze zo gukomeza gushimangira amahoro mu Isi hose, kandi gutora imbaga nyamwinshi y'abayamamaza kandi y'abayasakaza mu bandi, kugira ngo urwo rukundo rwe kandi ayo mahoro ye akomeze kugaragarira Isi yose kandi akomeze kumenyekana no kugaragazwa mu biremwa byose.

Ntabwo rero amahoro Kristu yazaniye Isi azigera azima, kandi ntabwo amahoro yazaniye ikiremwa muntu azigera akurwaho n'umwana w'umuntu, cyangwa ngo yimurwe

n'umuntu ku giti cye, kuko Yezu Kristu ariwe uzi icyo yayasigiye mu Isi kandi akaba azi impamvu yayasigiye abigishwa be, akayabifuriza kandi akayabatangariza, kugira ngo bayaturemo kandi bayabemo iteka bityo bahangane n'ibizazane by'Isi kandi bahangane n'imbaraga zose z'Isi zagombaga kubahagurukira kandi zashoboraga kubavutsa umutekano n' amahoro Kristu yari yabagabiye, ariko amahoro atanze kandi k'uwemeye kuyakira ntakiyavogera nta nikiyahungabanya, kuko umuntu ayaharanira kandi agapfana nayo, bityo akazukana nayo agakomeza kuba muri ayo mahoro.

Niyo mpamvu rero amahoro ya Kristu adapfa kandi kuba umugabuzi w' amahoro mu Isi no mu bantu ntibivuze ko umuzima bwe cyangwa amahoro ye ashobora kurangira, ahubwo ahoraho iteka mu bayakiriye kandi agahora iteka mu abantu kuko yayasakaje mu Isi hose kandi akayamesha Isi mu buryo bw'umwihariko kandi kuburyo bwo kumugaragaro. Amahoro ya Kristu reo ni ishingiro ry'imibereho mishya kandi ni ishingiro ry'ibikorwa bishya mu Isi hose, kuko ari amahoro yasize kandi ayo mahoro yasize akaba ariyo agikomeje Isi kandi akaba ariyo arinda Isi kuvogerwa ndetse no kuba yahura na akaga gakomeye, kuko amahoro Kristu yasize kandi yasize agabiye intumwa ze bwari uburyo bwo kugira ngo atazima kandi bwari uburyo kugirango yiyongere , bityo intumwa ze ziyakwize mu Isi kandi ziyamamaze muri bose. Ni ikimenyetso kitasibanganye kandi na nuyu munsi amahoro ye aracyatagwa kandi aracyayifuriza Isi

yose, kuko agomba gushyika mu Isi yose kandi akaba agomba kuganza mu Isi hose ntanahamwe abuze kandi akaba mu bantu bose m'uburyo bw'umugaragaro kandi m'uburyo bw'imbagara.

Amahoro ya Kristu rero yatsinze byose kandi yatsinze inabi ya Mwene Muntu, kuko ari igihe cyo kugirango agaragare kandi yigaragarize abatumva n'abatamenya urukundo n'ububasha bwa Yezu Kristu, mu gusakaza amahoro kwe kandi mu gutora intumwa z' amahoro kugira ngo ziyasakaze mu Isi yose, kandi ziyamenyekanishe mu Isi. Ntabwo rero azigera atsindwa kandi ntanubwo ububasha bwe buzigera buhagarara ku kiremwa muntu ku mahoro ye, ndetse no kumbaraga z'ububasha bw' amahoro agabira Isi yose kandi atangaza mu Isi.

Ni igihe rero gikomeye cyo kugira ngo amahoro ye arusheho kugaragarira Isi yose kandi ububasha bwe n'ubutwari bwe buturuka mu mahoro yifuriza Mwene Muntu birusheho kugaragara mu Isi mu kwamagana ikibi kandi mu gucoca inzangano n'inzigo mu bantu, kuko ntawuzatura mu bikorwa bye afite inzangano n'inzigo, kuko ibyongibyo aribyo umuntu agomba gusiga hanze kandi akabirekera umwanzi sekibi akabisiga mu maboko ye, bityo agakunguta byose akishyira mu biganza bya Yezu Kristu kandi akakira koko ibyiza bikomoka mu mahoro ye atanga, kandi ahereza buri wese ku buntu kuwemeye kurekura inzigo kandi kuwemeye kurekura

inzika n'inzangano kuko ashyikira kandi agasingira ikimenyetso cy' amahoro muri we n'ituze.

Amahoro rero azanwa no kuba umutima usukuye kandi amahoro azanwa no kuba umutima wakira byose kandi wiyumanganya ukakira byose, kuko udafite kwiyumanganya kandi udafite isuku y'umutima no gutuza muri we iteka nawe yibyaramo amahane kandi akibuza amahoro kuko aba adatuje kandi aba adatekanye.

Ikimenyetso rero cy' amahoro ni ikimenyetso cy'ituze kandi ni ikimentetso cy'ibyishimo umuntu afite muriwe kandi abayemo mu riwe, kuko amahoro afungura byose kandi amahoro akazanira Mwene Muntu imbaraga zikomeye z'ububasha bw'Imana kandi imbaraga zikomeye z'ububasha bukomoka kuri Yezu kristu, kuko ariwe kimenyetso cy' amahoro kandi akaba amahoro ye ari intangiriro y'ubuzima bushya, kuko uwo ayagabiye yigiramo ubuzima bushya kandi ubuzima buvuguruye, bityo akaba abaye umwigishwa we kandi akaba abaye intumwa ye mu buryo bwatuye kandi mu buryo bwo gushira amanga ndetse no kumwamamaza ku mugaragaro ntacyo uwo mwigishwa we yikanga kandi nta kimuteye ubwoba, kuko aba yasakajwemo amahoro nk'ikimenyetso cy'ubutwari kandi ikimenyetso cyo kwihara ndetse no guharanira ibyiza ku bandi.

Amahoro rero ni ubwitange bukomeye kandi amahoro ni urufunguzo rwo kwitanga ndetse no kwitamba, kugira

ngo abandi bayagaragarizwe kandi abandi bayamenye uko bagomba kuyamenya. Niyo mpamvu rero ufite amahoro abera bose itara, kandi ufite amahoro akabera bose ibyishimo, akababera imbaraga kandi akababera ikimenyetso gihora kibamurikiye kandi kibari imere mu kwemera ibyiza by’ingoma y’ijuru kandi mu kubyakira, kuko uwo amahoro atuyemo kandi uwayakiriye ahora iteka arabagirana ibyo byiza, kandi ahora iteka muri ibyo byishimo by’imbaraga z’ijuru, kuko ntakiba kikimukoma imbere kandi nta nikiba kikimukanga, kuko iteka ahora muri ibyo byishimo by’amahoro kandi akabona izo mbaraga zituruka k’umugabuzi w’ amahoro ariwe Kristu Nyagasani.

Amahoro rero atanga imbaraga kandi amahoro atanga kwiyemeza no kwemera kandi uyafite akiyemera, kuko aba aziko umwemeza ahari kandi umuha gukomera ahari, bityo agahora iteka ashikamye kandi agahora iteka akereye kugaragaza amahoro mu Isi hose ndetse no kuyatangaza kuri buri kiremwa cyose kimuri iruhande yaba mu byaremwe byose kandi no muri kiremwa muntu uhumeka umwuka w’Uhoraho, kuko adatinya kumugaragariza ayo mahoro kandi adatinya kuyamuvuburira no kuyamusakazaho.

Yezu Kristu rero ni umugabuzi w’amahoro mu bantu, kandi ni umugabuzi w’amahoro mu Isi, mu kurangiza intambara kandi mu kurangiza ibikorwa by’umwijima bya Mwene Muntu, kuko udafite amahoro ntagendera mu

rumuri, kandi udafite amahoro ahora iteka mu bikorwa bya kinyamanswa kandi agahora iteka mu bikorwa bitambamiye ugushaka kw'Imana kandi bitambamiye urukundo rw'Imana. Niyo mpamvu rero Kristu Nyagasani ari umugabuzi w' amahoro kuri buri kiremwa cyose, kandi akaba umugabuzi w' amahoro mu buzima bwa Mwene Muntu mu kumuha imbaraga no kumuhindurira imibereho ishingiye ku rukundo kandi imibereho ishingiye ku mahoro y'uwatsinze ariwe Kristu Nyagasani.

Hahirwa rero abemera kubamba kamere zabo kandi bakemera gusiga kamere zabo imbere y'ibirenge bya Yezu Kristu kugira ngo abasakazemo amahoro kandi abaramburireho ibiganza bye by' amahoro, bityo ayo mahoro ye akabahindura kandi amahoro ye akabaha kubakika ndetse no gukomera, bityo bakaba intumwa nziza z' amahoro mu bantu kandi intumwa nziza z' amahoro mu Isi hose basakaza ibyiza bamwumvanye kandi batera amahoro mu bandi bamwumvanye kandi yabagabiye, bityo Isi yose ikarushaho guhinduka kandi Isi ikarushaho kwambara izo mbaraga zikomoka ku mahoro bityo buri wese agahora mu ituze kandi buri wese akava mu nzikekwe, bityo akabaho mu rumuri kandi akabaho mu byishimo kuko nta kwishishanya kuba kugihari, ntaguhuzagurika ndetse nta gukekana kuba kugihari kuko abafite amahoro bizerana kandi abafite amahoro bakabana mu ituze no mu rukundo.

Amahoro rero afungura byose kandi amahoro agatanga imbaraga no gukomera k’uyafite kandi k’uyatunze kuko bimuha ububasha bukomeye kandi bikamuha imbaraga zitavogerwa z’igihagararo ndetse n’ububasha bwa kristu we mugabuzi w’ amahoro mu bantu ndetse no mukiremwa muntu cyose no mubyaremwe byose, kuko amahoro ye asakara muri bose kandi amahoro ye agabiye Isi agatunga bose, akarengera bose, bityo ibiremwa byose bikabana mu rukundo kandi bikabana muri ayo mahoro amukomokaho.

## 3. UMUZI W'AMAHORO USHIBUKAHO IBYISHIMO N'URUKUNDO NK'UMUSABANO URANGA ABANA B'IMANA.

Amahoro ni ishingiro ry'ibyishimo kandi amahoro ni ishingiro ry'urukundo mu bantu, kuko uwifitemo amahoro aba abumbiyemo ibyishimo kandi abumbiyemo urukundo bityo ayo mahoro yifitemo kandi ubwo bumwe yifite muri we bikamuha kubona buri wese ari ibyishimo bye mu maso ye, kandi bikamuha kubona buri wese muri we ari ibyishimo bye kandi ari urukundo rwe igihe cyose. Ufite rero amahoro kandi uwubakiye ku mahoro, agasiza kuri ayo mahoro akubakaho inzu, iteka ahora abona abandi bamunogeye kandi iteka agahora abona abandi bamuzaniye ibyishimo, kuko ntanzikekwe yigira muri we kandi ntagukumira agira muri we byo gukumira abaje bamugana kandi baje bamusanga, kuko abakirana urukundo kandi akabakirana ibyishimo bitarobanura kandi urukundo rutarobanura.

Amahoro rero ni ishingiro rya byose ku wemera Imana kandi ni ishingiro ry'umusabano w'abana b'Imana, kuko aho amahoro ari kandi ahari amahoro hagwirizwa umubano kandi ahari amahoro hakagwirizwa ibyishimo n'urukundo mu bantu. Uhoraho rero niyo mpamvu asakaza amahoro muri bose kandi agasakaza amahoro mu kiremwa muntu, kugira ngo ayo mahoro agwirije

umuntu kandi agwirije Mwene Muntu amufashe gukunda kandi amufashe kwiyakiramo ibyo byishimo n'umusabano ukomeye mu ijuru ryose, kugira ngo ibyo byiza by'urukundo rw'Imana kandi ibyo byiza bituruka mu ituze Mwene Muntu yitunzemo bimufashe kubana nabandi kandi bimufashe gusabana na bose nta numwe uhejwe kandi nta numwe ukumiriwe, kuko amahoro ya Mwene Muntu ari make ariko amahoro y'Uhoraho arenga imipaka kandi akakira ababi n'abeza nta numwe arobanuye, kuko urukundo ariko rukora kandi ibyishimo bikagabira buri wese ukunzwe n'udakunzwe.

Niyo mpamvu rero ufite amahoro muri byose kandi ufite amahoro mu kwemera, icyo gihe ntakimugora kandi icyo gihe ntakimuyobera, icyo gihe nta kimunanira kuko byose abibonamo urukundo kandi ibyo abonyemo urukundo bikamuzanira ibyishimo. Amahoro rero ni isoko y'agakiza kuri Mwene Muntu, kandi amahoro ni isoko y'imbabazi kuri Mwene Muntu, kuko aba atakirangwa n'icarubanza, kandi aba atakiragwa n'amakimbirane cyangwa ngo aragwe n'ikibi icyo aricyo cyose, kuko iteka amahoro yifitemo amuzanira ituze kandi amahoro yifitemo akamwubakamo imbaraga zikomeye n'umusabano ukomeye hagati ye n'Imana kandi hagatiye n'ibiremwa byose, no hagati ye n'ijuru ryose kuko utunze amahoro aba atunze ijuru muri we kandi ufite amahoro agahora iteka atera indirimbo z'abana b'Imana kandi asakaza ibyishimo by'abana b'Imana.

Amahoro rero ni ishingiro ryo kubaho muri Kristu watsinze kandi ni ishingiro ryo guhumuriza bose ndetse no kurema bose agatima abo bose baba barahungabanijwe n'umwanzi kandi abo bose baba baratwawe n'umwanzi, kuko ufite amahoro abo bose abamenya kandi akabarema umutima, akabahumuriza, akabubaka bityo akabafasha kwiyakira mu buzima, kandi akabafasha gukomera ndetse gukomerezwa intambwe mu rugendo rwabo rwa buri munsi. Ufite rero amahoro kandi ubaye mu mahoro, iteka ahora ari ibyishimo by'abandi kandi iteka ahora yirengagiza umubabaro we kuko amahoro yagwijwemo kandi amahoro atunze adatuma umubabaro hari aho ufata mu buzima bwe, kuko iteka iyo umubabaro uje ya mahoro awigizayo kandi ya mahoro akamuremamo ituze rya buri munsi, kandi ituze rya buri gihe. Niyo mpamvu rero kwigiramo amahoro bibera uyatunze ibyishimo kandi bikabera uyatunze urukundo rudakama, urukundo rwirekurira bose kandi urukundo rugera kuri bose.

Niyo mpamvu rero amahoro ari imbaraga kandi amahoro akaba ari ubutwari bwo gutsinda imitego yose y'umwanzi, kandi ubutwari bwo gutsinda ubwikubire bwa Mwene Muntu ndetse n'ubwikuze bwe, kuko ufite amahoro ahora iteka ashakashaka abandi kandi agahora iteke ayasesekaza mu bandi kugira ngo nabo bayigwizemo kandi bayatunge nkuko ayatunze. Amahoro rero ni imbaraga zikomeye kandi amahoro ni ububasha butavogerwa Mwene Muntu atuzwamo kandi Mwene

Muntu yambikwa kugira ngo atsinde umwanzi kandi atsinde imbaraga ze zose binyuze mu mahoro yagwijwemo kandi bunyuze mu mbaraga za mahoro yahawe, bityo bikamufasha gutsinda kandi bikamufasha kurinda abandi abigiriye ayo mahoro, kandi akoresheje ibyo byishimo n'urukundo ruri muriwe.

Amahoro rero ni uburinzi bwa bose kandi amahoro ni uburinzi bwababakomeretse, kuko bomorwa nayo kandi bagahabwa ihumure nayo, kuko amahoro ntawe utayasonzeye kandi amahoro Mwene Muntu ayakeneye mu Isi, kuko Isi yamuhagije agashinyaguro kandi Isi ikamuhaza ikibi bityo akaba ariyo mpamvu akeneye amahoro kugirango amusukure, amureme kandi amufashe koko kubaho nki icyaremwe gishya, kandi kugira ubuzima n'ibyishimo mu rukundo rw'Imana. Amahoro rero ni imbaraga za buri wese mu wemera, kandi ni imbaraga za buriwese kugana Imana, kuko ibyiza by' amahoro kandi urukundo rukomoka mu mahoro ruhindura byose kandi rugafasha uyafite kandi ukunda guhorana iteka ibyishimo kandi guhora iteka yizeye ko amahoro atunze, kandi urukundo yakiriye muri we hadashobora kugira ikiruhindanya, bityo agahora iteka ari indahemuka kandi akizera abandi muri ubwo budahemuka aba yarahawe kandi aba yambaye, bityo agasakaza amahoro ntacyo yishisha kandi ntacyo abereyeho imbogamizi kuko amahoro yisanzurira muri bose kandi amahoro agafungurira bose umutima kandi agafungurira bose ibikorwa bijyendanye nayo. Amahoro

rero ni intwaro ikomeye yo guhashya umwanzi kandi ni intwaro ikomeye yo gutsinda ubwigunge ndetse n'ubwihebe bukomoka ku mwanzi, kuko ufite amahoro ahora iteka asusurukiye mu rukundo no mu rumuri rw'Imana kandi agahora iteka agenda yegera urwo rumuri kugira ngo rumwuzuze kandi rumusendere, bityo akitandukanya n'ikibi cyose cy'umwanzi kandi akitandukanya, n'imitego yose y'umwanzi kuko aba aziko amahoro atunze ariyo amufasha gukomera kandi amahoro atunze muri we ariyo amukingurira byose kandi akamugeza ku butwari bukomeye no kumbaraga Isi idashobora kumuronsa no kumugezaho.

Amahoro rero ni imbaraga za buri wese wakiriye ukwemera kandi buri wese wemera Imana, kuko amahoro afite kandi ibyishimo yitunzemo bihora bimuha imbaraga zikomeye bityo agahora yubakika kandi agahora akomeye muri urwo rukundo, bityo nta kimuha gutandukira kandi nta kimutera kujya kure y'uwamukunze kandi y'umugabira amahoro, kuko ahora iteka ashinze ibirindiro ku isoko y' amahoro kandi agahora iteka yakira imbaraga zikomoka mu mahoro agabirwa nanyirigira kandi agabirwa nu umuremyi wayo ariwe Uhoraho Imana. Amahoro rero ni ishingiro ry'imbaraga kuwemera Imana kandi ni ishingiro ry'ukwemera gukomeye, kuko uwakiriye Yezu Kristu kandi akamwemera koko nk'umukizawe kandi akamwemera nk'umunyembaraga, umwami ugaba amahoro, kandi umwami utanga amahoro ku biremwa

kandi ku mbaga y'abo yacunguye, akabakirisha urukundo bityo akabasesekazaho amahoro kandi akayabasabagiza. Amahoro rero ni imbaraga z'abana b'Imana kandi ni urukundo rw'abana b'Imana, amahoro akaba ibyishimo by'abana b'Imana kuko bayahana kandi bakayatera igihe cyose, hakabaho kwikiriza no kuyahana igihe cyose, bityo umusabano wabo kandi no gushyikirana kwabo kukaba bugufi kandi kugahoraho mu buzima bwabo bwa buri munsi, kuko nta mwaga uba urangwa hagati yabo kandi nta kibi kiba kirangwa rwagati yabo, haba hari ubwizerane kandi hari urukundo rushyitse rwakira buri wese kandi rwiyumvamo buri wese, bityo amahoro akaba urufunguzo kandi amahoro akaba intwaro ikomeye ibarinda umwanzi kandi ibatsembera imitego yose y'umwanzi kandi ikabigiriza yo koko imbaraga zose z'umwanzi.

Niyo mpamvu rero amahoro aho ari umwanzi ahatinya kuko ntacyo aba ashobora gukora kandi ntanicyo aba ashobora guhindura, kuko ufite amahoro amenya ikimubuza amahoro kandi akamenya icyayamuvutsa bityo akacyirinda, kandi akajyendera kure yacyo, agahora yiziritse ku mahoro yagabiwe kandi ku mbaraga, n'ubutwari bumuha intumbero yaho yifuza kugera mu rukundo rw'Imana no mubyishimo byayo bitagereranywa kandi ibyishimo byayo bidatezuka. Amahoro rero ni ishingiro ry'imbaraga kandi ni ishingiro ku bemera Imana, ndetse n'umusabano ubaha gusabana igihe cyose ndetse no gukomera, cyane cyane ku bari mu

Isi kuko ayo mahoro aba akenewe kugira ngo biyubakemo urugendo rw'ukwemera kandi biyubakemo imbaraga zo kuyoboka Imana batayiryarye, kandi batayibangikanije ngo bayishyiremo ikibi kandi bayigaragarize ikinyoma cyabo. Niyo mpamvu rero ufite amahoro ahora iteka ari inyangamugayo kandi agahora iteka atagorama, ahubwo agahora yifuza kugororokera umuremyi we, kandi agahora iteka yirinda ku muryarya, kuko amahoro amuha urumuri kandi akamuha kwisukura, amahoro akamuha kujyendera mu kuri n'ubutabera, kugira ngo ugushaka kw'Imana kumvikane muri we, kandi kumenyekane no mu bandi, kuko ufite amahoro, wayakiriye kandi uyatuyemo byukuri aba urumuri rw'abandi kandi akaba imbaraga z'abandi mu gukunda no mugukataza mu cyiza, mu burinzi bukomeye bw'umuremyi wa byose, kandi mu mbaraga n'ububasha bukomeye bikomoka ku Mana.

Amahoro rero ni imbaraga za buri wese mu Isi wemera Imana kandi wakiriye Imana muri we, kuko bimuha imbaraga zikomeye kandi bikamuha kwemarara no gutwaza muri byose ntihagire ikimunanira kandi ntihagire igituma atsikira, ahubwo iteka agaharanira gusimbuka imitego yose y'umwanzi yamugusha kandi yamukura ku isoko y' amahoro. Amahoro rero ni imbaraga z'abemera Imana kandi ni imbaraga z'abayobotse Imana mu buryo bwose mu kwakira ndetse no kubaho muriyo, bityo bigahora iteka bibatera ibyishimo kandi bigahora iteka bizamura ikibatsi

cy'urukundo muri bo maze bagasabana na bose kandi bagasangira na bose, muri urwo rukundo, amahoro n'ibyishimo.

## 4. UKO NAHARANIYE AMAHORO, NKAYABAMO, NKANAYASAKAZA MU BANDI.

Namaze kumenya ko icyo dupfana kiruta icyo dupfa, bityo nshakashaka amahoro kandi nakira urumuri rw'Uhoraho rwayanzaniraga kandi rwayampataga mu buzima bwanjye, runyereka icyiza cyiruta ibindi kandi runyereka icyiza kirusha ibindi ubwiza, mu kubaho mu mahoro kandi kuyaturamo kuko birinda urwikekwe kandi bikarinda inzigo n'inzangano, bityo nakira urwo rumuri kandi pfungura umutima wanjye, kandi nemerera Kristu Nyagasani gutura muri njye, bityo ngendana urugendo nawe rukomeye rwo kubohora kandi rwo kwihambura, mwereka umutima wanjye, mwereka intege nke zanjye, kandi mwereka ibyanzitiraga ndetse ni ibyankomaga imbere, bityo muha intege nke zanjye kandi muha ubugwari bwanjye kugira ngo ambere umunyembaraga, kandi ansakazemo amahoro ye amara ubwoba kandi amara inzangano izo arizo zose zaturuka kuri kamere ya Mwene Muntu.

Yezu Kristu rero yambereye byose kandi mu kumukomangira no kumwereka ko mushakashaka, mu guhindura byose kandi mu kugaragaza ubutwari bukomeye, aho benshi bari bananiwe kandi aho intwari zari zananiwe kugira ngo ampe imbaraga zo kuba intwarane nkuru kandi intwarane ikomeye mu guharanira amahoro no kuyasakaza mu bandi, kuko

nabona urwango kandi nkabona inzigo ikomeje kwiyongera no kuganza Mwene Muntu, aranyemerera, arantabara kandi apfungurira iriba rikomeye rya batisimu nshya kandi iriba rikomeye ry'imbabazi ze, bityo ampanagura ubusembwa bwose, kandi ankuriraho icyari kumbera inkuta kandi anyegerezayo byose hirya yanjye, anyuzuza urwo rukundo kandi anyegeza hafi y'umutima we, kugira ngo numve ako gasusuruko, kandi numve ububasha bukomeye buturuka mu kwitanga kwe, mu kwemera kubabara, kandi mu kwemera kwakira byose, kuko yanyinjije ku isoko y'ububabare bwe kandi anyinjiza ku isoko y'urukundo rwe, bityo nditegereza, ndareba, ndiga, kandi ndafata, ndareba, ndabona kandi ndumva ndakira, byose nshyingura ku mutima, ariko niha umugambi kandi ariko mfata ingamba zikomeye zo kuva aho narindi kandi aho Isi yankururiraga, bityo nakira urumuri rwe kandi nigobotora imbaraga zose z'umwanzi n'uburetwa bwe bwose, bityo nakira uwampamagaraga kandi uwampaga ituze nuwandemaga umutima ariwe Kristu Nyagasani, kandi mu bubasha bwe na DATA bityo baramfata kandi barangwatira, bampa ikiganza cyabo bityo nanjye mbarekurira roho n'umubiri byanjye, kugira ngo babigenge kandi babiyobore.

Twatangiranye rero urugendo kandi batangira kuntoza no kunyereka intambwe kuyindi kandi kunyigisha intambwe ku yindi, kugira ngo jyende nsatira ibyo byiza bikomoka ku isoko y'amahoro ya Kristu Nyagasani, kuko yayamvomereraga kandi akampundagazaho ibyo

byishimo bye, akampundagazaho ayo mahoro ye, bityo inzigo zose zikagenda zicibwa ku buzima bwanjye kandi zikagenda zikurwaho, ariko narushagaho guhumuka kandi ariko narushagaho guha icy'ingenzi agaciro kandi no kumenya ikiruta ibindi. Namwiyeguriye wese rero kandi muha ibyanjye byose kugira ngo abigenge, ambere umugenga kandi ambere umuyobozi kuri buri kimwe cyose, kuko yanyambitse urukundo rwe rukomeye kandi akampa ububasha bwe butavogerwa, bitya akampa umwambaro w'icyuma kandi anshyiramo koko agasanduku k'amahoro ye, kugira ngo nyagendane kandi nyasakaze mu bandi, nyasakaze mu Isi hose.

Naramukundiye rero nakira ayo mahoro ndagotomera kandi ndayanywa mu buzima bwanjye bwose, nubwo inyota yayo itashiraga ahubwo uko yayampazaga niko narushagaho kugira inyota kandi nkarushaho kwahagira, iteka nkasubira imbere ye kandi akanyereka icyo ngomba gukoza ayo mahoro naho ngomba kuyaganisha mu bandi mu Isi. Nayabayemo rero uko yayangabiye, kandi uko yayanyigishije nuko yayanshengejemo nanjye mparanira kuyasakaza mu bandi kandi nanjye mparanira kuyabera koko isoko nyayo mu bandi kandi ku kiremwa muntu, kuko Isi ubwayo yari yibuzemo amahoro n'ibiremwa byose byibuzemo amahoro, kuko byari byarandujwe n'umwanzi kandi byarahumanijwe n'umwanzi, bityo mba igitambo cy'amahoro kandi ndirimba amahoro, ntangaza amahoro mu bantu kugira ngo bumve ko urukundo rwa Kristu ruri hejuru ya byose

kandi amahoro ye yomora, akavura, kandi agakiza buri gikomere cyose, kandi agafuba inabi yose Mwene Muntu yatewe n'umwanzi, n'ibisare byose yahawe n'umwanzi. Namamaje rero amahoro nivuye inyuma kandi nkumva ko ntakigomba kunkoma imbere na ntikigomba kuntangira, mu kwamamaza amahoro, mu kuyasakaza muri bose ndetse no mu kuyatangaza muri bose, kuko numvaga arirwo rufunguzo rw'ibyishimo byanjye mu ijuru, kandi nkumva arirwo rufunguzo rw'urukundo rwanjye rushyitse, urukundo ruzira umupaka kandi urukundo ruzira inzikekwe no kwikingakinga, kuko ibyo byose nabirengejwe kandi Kristu akanyereka ikiruta byose, kandi icyamukomeje kandi yari yaje kwigisha Isi yose no kwitangaza, kwari ukurenga urupfu kandi ukurenga ubugizi bwa nabi Mwene Muntu akorerwa kandi Isi ishobora gukorera umwana w'Imana kandi igakorera abemera Imana, ko nanjye ngomba kubirenga kandi nkabisimbuka, kuko yabinyuzemo kugira ngo abe ikimenyetso cya byose mu Isi, kandi abe ikimenyetso cyabakurikira Se bemera kwitanga mu rukundo kandi bemera guhara ubuzima bwabo kugira ngo abandi baburonke.

Yambereye rero icyigisho kandi anyereka umusaraba we, anyereka inzira y'ububabare bwe bwose kugirango nyigenderemo, kuko aribyo bigomba kunkura aho narindi kandi bikama kwitamururura nkajya ahagaragara, nkajya kumugaragaro kugirango njyendane nawe muri byose kandi nihare muri byose kubera urukundo n' amahoro ye

yanyujujemo. Numvaga rero mu buzima bwanjye ntagishobora kunkoma imbere kandi nkumva mu mibereho yanjye ntagishobora guhagarika izo mbaraga Kristu yari yanyujuje kuko yari yamaze kunyiyambika wese kandi ububasha bwa DATA bwose numva buri muri njye kandi mbubona mu buzima bwanjye, iteka icyo nkoze cyose nkabona urukundo rw'umuremyi wanjye, nkumva imbaraga z'umuremyi wanjye zahoraga zinkurura iteka zintandukanya n'Isi ndetse n'ibyayo byose, nkumva mpamagarirwa kuba urukundo kandi nkumva mpamagarirwa kuba amahoro mu bandi, kugira ngo mbe isoko yayo mahoro kuko aricyo kimenyetso gikomeye DATA yari yankomeresheje mu Isi kandi yanyifuzagaho, kugira ngo abandi babone amahoro kandi abandi babone iruhuko muri ayo mahoro.

Nayatanze nivuye inyuma kandi nyatanga ntiziganya, kuko nari nzi icyo agomba gukora kandi narinzi icyo agomba gufungura mu mitima ya benshi kandi mu mbohe z'abatuye Isi, kuko hari benshi bagombaga kubohorwa n'urwo rukundo, kandi bakabohorwa nayo mahoro, bityo bagashyirwa mu burumbuke bw' amahoro y'Uhoraho kandi amahoro y'Umusumba byose. Nakoze byose kandi ncoca byose, nkatagura byose kandi ndwana n'ingoyi zose, kuko narwanye urugamba nari namaze gutozwa kandi nari namaze kwerekwa, bityo ndarurwana nivuye inyuma, kandi nkuraho inzitizi zose, nkuraho inkuta zose, nemera guca ahafunganye kugira ngo amahoro yumvikanye kandi nemera kugenda mu

bwiyoroshye, kugirango mbone inzira kandi mbone icyerekezo cyo kugirango nyasakaze mu bandi kandi nyumvikanishe mu bandi, kuko hari aho nagombaga kunyura ntuje kandi hari aho nagombaga kunyura nshiye bugufi kugira ngo umuhamagaro wanjye ugerweho uko wagombaga kugerwaho, kuko hari byinshi byagomba gutuma koko Herodi atamenya aho umwana w'Imana ari kandi aho umwana w'Imana yahungishirijwe, niyo mpamvu rero hari byinshi byakozwe kandi hari benshi batambutse ku mpamvu yayo mahoro nagombaga gusakaza, kandi ku mpamvu yayo mahoro nagombaga kwenyegeza ndetse no gukoraho akanyeganyeza byinshi kandi agahunganya byinshi kuko yari aje nk'inkubi y'umuyaga, igomba guhitana bimwe ariko ibikomeye bigasigara kandi bigakomezwa.

Narwanye rero urugamba kandi ndwana urugamba inkundura, kuko narinzi icyo ndwanirira kandi narinzi icyo mparanira, kuko uwantozaga yahoraga iteka imbere yanjye kandi agahora iteka mu mutima wanjye, anyongorera, ambwiriza, anyereka aho ngomba kongera imbaraga ndetse naho ngomba kongera urukundo kugira ngo ayo mahoro yumvikane kandi amenyekane. Narwanye urugamba rw'amahoro kandi ndwana urugamba inkundura kuko nari nzi icyo ndwanirira kandi narinzi icyo mparanira kuko uwantozaga yamporaga imbere yanjye kandi agahoro iteka mu mutima wanjye anyongorera, ambwiriza anyereka aho ngomba kongera imbaraga kandi aho ngomba kongera urukundo

kugirango ayo mahoro yumvikane kandi amenyekane. Narwanye urugamba rw' amahoro kandi ndurwana amanywa n'ijoro kugira ngo amahoro ature muri bose kandi asakazwe muri bose, kuko zari imbaraga zikomeye kandi zari imbaraga zagombaga kwigaragaza mu buryo bukomeye. Ntacyo rero ntakoze kandi ntacyo ntagaragaje kugirango amahoro ya DATA yumvikane kandi amahoro ya Yezu Kristu, we waje mu Isi kuyasakaza kugirango amenywe nabose kandi yakirwe aho yari abuze kugira ngo agwizwe kandi imitima myinshi iremwe kandi imitima myinshi  ikorwe ku mutima koko, bityo ihabwe ubuzima kandi ihabwe imibereho mishya, ishingiye ku mahoro kandi ishingiye ku mbaraga n'ububasha by'Imana isumba byose.

Amahoro rero nasakazaga kandi amahoro natangaga ntiyari ayanjye, nari mfite isoko mvomaho nanjye nkavomerera abandi, kandi ngasakaza abandi ayo mahoro, kugirango biyumvemo ubuzima kandi biyumvemo ihumure, kuko hari byinshi nakoze muri yo kandi hari byinshi nakoreshejwe muri yo kugira ngo bose bakingurirwe urukundo kandi bose bahumurwe, kuko hari igihu cyari kibuditse nagombaga gukuraho kandi nagombaga kwinjiramo, bityo utanyuze mu rupfu ntamenya izuka kandi ntamenya ubugingo buhoraho. Nemeye rero kwitanga kandi nemera kunyura mu bikomeye, kugira ngo amahoro asesekare kandi amahoro agaragare mu buryo bukwiriye kandi m'uburyo bwari ngombwa kugira ngo amenyekane kandi yubake benshi

mu mitima yabo, abohore banshi imitima yabo, kabone naho Isi yatesha agaciro kandi igapfobya urwo rukundo, ariko nararugaragaje kandi ndarutangaza, kugira ngo benshi babohorwe kandi babone iyo nzira nziza, kuko hari imbaga nyamwinshi yayobotse inzira nahanze kandi inzira Kristu yahanze muri njye, bityo biba urufunguzo rwabenshi kandi biba inzira yabenshi mu kugana Imana no kuyiyoka, bishingiye ku rukundo ndetse n'ibyishimo byakira bose kandi bikarekura byose.

Niyo mpamvu rero kuba mu mahoro kandi kuyasakaza no kuyamenyekanisha, byasabye imbaraga zikomeye kandi bisaba ubwitange bukomeye, kugira ngo nyine uwari wantoje nyure iyo yanyuze kuko ntarutugu rukura ngo rusumbe ijosi kandi nta mugaragu usumba shebuja. Niyo mpamvu rero kristu yantoje, kandi tugendana muri byose, kugera ku ndunduro yanyuma kandi tugera ku kadomo kanyuma, bityo amahoro ye kandi amahoro yanyifurizaga kandi yanshakagaho ko nsakaza mu Isi, ndayasakaza kandi nadayamenyekanisha muri bose, bityo akaba ari igihe cyo kugira ngo yigaragaze mu buryo bukwiriye kandi yumvikane mu mitima ya bose mu buryo bw'agatangaza kandi mumbaraga zishyitse mu mbaraga zikomeye, bitambutse uko nayigishije kandi nayamenyekanishije.

Byari igihe rero kandi byari ngombwa ko urubuto rumwe rugwa mu gitaka kugirango ruhugute maze bityo ruzane izindi nyinshi kandi rwere imbuto nyinshi, ziturutse kuri

urwo rubuto. Ni igihe cyo kugirango amahoro asagambe kandi amahoro akwirakwire mu Isi mu buryo bw'agatangaza, Isi idashobora kuyasubiza inyuma kandi Isi idashobora kuyanyaga abayitunzemo ndetse n'abayafite, kuko bagomba kuyatangaza mu buryo bw'agatangaza, bakayabamo kandi bakayamenyesha abandi mu buryo bw'umugaragaro, kuko iyo ari amahoro agomba kumanukira Isi yose mu bubasha bwa DATA kandi mu mbaraga zi inzira twahanze tugafungura kugira ngo amahoro asesekare mu Isi hose kandi amenyekane, abe ibyishimo by'abatuye Isi kandi abe urukundo rw'abatuye Isi.

Niyo ntambara rero narwanye bucece kandi niyo ntambara narwanye mu bwitonzi, mu kwiga no mu kwakira imbaraga za Yezu Kristu muri njye, bityo nemera gutwarwa nawe, kandi nemera kumwumvira ku gato no ku kanini, kuko ntaho nigize nyura atahanyujije kandi ntaho nigize mpagarara atampagaritse, kuko iteka icyo yansabaga kandi mu ijwi riranguruye mu mutima wanjye naracyumvaga kandi nkacyakira kuko yari umwigisha wanjye kandi akaba umutoza wanjye wo gusakaza amahoro mu Isi ndetse no kuyagaragariza ikiremwa muntu, binyuze muri urwo rukundo kandi binyuze muri izo mbaraga zikomeye yanyifuzagaho kandi yanyifurizaga kugirango duhindure byinshi mu Isi kandi dutangabe byinshi mu Isi binyuze mu rukundo rwe kandi binyuze muri izo mbaraga ze zitavogerwa, kuko yandinze igihe cyari ngombwa kandi igihe cyo kugirango ibyuzuzwa

byuzuzwe ararekura kandi aramaramaza kugira ngo buri kimwe cyose kigerweho kandi cyumvikane uko kigomba kumvikana kibe ni intangiriro y'ubuzima bushya ndetse n'ibikorwa bishya bigendanye n'imbuto nari narabibye kandi imbuto nari naraje gusakaza mu Isi.

Ntabwo rero igikorwa nakoze cyasize ubusa kandi ntabwo cyabaye igikorwa cy'ubusa ndetse n'impfabusa kuko hari byinshi byakozwe kandi hari byinshi bizagaragazwa nizo mbuto, kuko zigomba kugaragara kandi zikera zigasagamba mu Isi hose kuri buri kiremwa cyose kiri munsi y'ijuru, kuko ari igihe cyo kugira ngo twiyumvikanishirize izo mbaraga, kandi twumvikanishe ubwo buremere kuko byari ngombwa koko ko bigenda uko byagenze kandi ko binyura mu nzira byagombaga kunyuramo kugirango amahoro yiyongere kandi agere kuri bose no mubatayafite ndetse n'abatazi imbaraga zayo, kugira ngo batwarwe nayo kandi bakururwe nayo kandi batwarwe nayo mu bubasha bukomeye bw'Imana nzima kandi mu bubasha bukomeye bw'umuremyi wa byose n'umugenga wa byose.

Amahoro rero ni isoko y'imbaraga kandi yo amahoro ni isoko yo  kumvira gukomeye, no kubaho mu rukundo rw'Imana, kandi n'urukundo rw'abavandimwe, kuko amahoro afungurira bose kandi amahoro akakira bose, amahoro agatanga ituze kandi agahindura byose mu bubasha bwayo, mu bubasha bwayo ndetse no mu mbaraga zayo, kuko umuntu atayiha ahubwo ayahabwa

n’Imana kandi akayahabwa n’umuremyi, mu rukundo rwe ndetse no mu bubasha bwe butavogerwa. Numviye rero uhoraho kandi ntwarwa nawe muri byose, kugira ngo icyo anshakaho kandi yifuza mu Isi kigerweho cyumvikane binyuze mu nganzo y’amahoro, kandi mu nganzo y’ubumwe n’ubutabera bw’Imana yo iri hejuru ya byose, yo irenganura kandi ikamenya ukuri kwa Mwene Muntu, ikamenya n’ukuri kw’imitima kuri muri Mwene Muntu.

Niyo mpamvu rero nisunze Uhoraho kandi nkamwemera nk’umuremyi wanjye, nkamwera nk’umugenga wanjye bityo nkatwarwa nawe kandi nkijugunya mu maboko ye kuko ariwe wari unzi kuruta uko Mwene Muntu anzi, kandi akanyigisha iby’urukundo rwe, akantoza iby’amahoro ye yasakaye muri bose, kandi Yezu Kristu yaje kwigisha no kumvikanisha mu Isi hose.

## 5. NI IGIHE CYO KUZIMYA NO KUZIMIZA IBIBUZA MUNTU AMAHORO N'IBITERA IMIDUGARARO MU ISI.

Hari imbaraga zikomeye zubatswe n'ububasha bw'Imana isumba byose, kandi hari imbaraga zidashobora gupfa ubusha, Yezu kristu yazanye mu Isi kandi amahoro yatangarije Isi yose kandi akemera no kuyanyuza mu mbaga itabarika y'abatagatifu kugira ngo bayasakaze kandi bayigishe Isi yose, bayatuzemo Mwene Muntu kandi bayigishe mu Isi m'uburyo bwo kumvikanisha ituze n'amahoro, kandi mu buryo bwo gushyiraho amahoro arambye mu bantu. Isi rero yagiye yihingamo imidugararo kandi Isi igenda yibuza ayo mahoro yagabirwaga n'umuremyi wabyose kandi yagabirwaga n'umukiza Yezu Kristu, ariko akaba ari igihe kigeze kugira ngo ayo mahoro yazaniwe Isi kandi izo mbaraga zikomeye zazaniwe Isi, ariko ikajyenda izihunza kandi ikajyenda izigizayo, akaba ari igihe cyo kugira ngo zumvikane kandi zimenyekane mu bubasha bukomeye.

Hari byinshi byabujije Mwene Muntu amahoro, hari intambara z'urudaca, hari amashyaka ndetse hari urukundo rwo kwikubira ndetse no kwigwizaho imitungo bityo bigatuma amakimbirane ahora ahaguruka mu bantu kandi inzangano zikomeye zo kurondana ndetse no gutatana, ibyo byose bigateza impaka mu bantu kandi bigatuma abana b'Imana batamenyana ko basangiye isoko ndetse na kamere imwe y'urukundo rw'Imana,

bityo bihagore bituma bahigana kandi bamarana, ariko akaba ari igihe cyo kugira ngo buri wese amenye icyo ahuriyeho nundi kandi amenyeko bahuriye ku isoko imwe y'amaraso y'urukundo rwa kristu.

Ni igihe rero cyo kugira ngo inzo mbaraga zose zikomeye z'ububasha bw'Imana zigaragarize buri kiremwa muntu kuko nta numwe wifiteho ububasha kandi nta numwe wifiteho uburenganzira, akaba ari igihe cyo gutangarizwa amahoro akomoka kuri Kristu watsinze kandi gutangarizwa amahoro akomoka ku bubasha bwe, bwuje ubuziranenge kandi ububasha akomora muri Se, bityo akaba ari igihe cyo kugira ngo bugaragarire Isi yose kandi buhindure byose mu Isi, bityo buri wese yiyumvemo mugenzi we kand buri wese aturane na mugenzi we muri ayo mahoro, ntakibatanya kandi ntakibatera gushyamirana, kuko inzigo n'inzangano zizaba zakuweho kandi ikibahagurukira kandi ikibatera imyiryane kikaba kizaba cyambuwe ububasha.

Ni ibikorwa rero kandi ni integuro ijuru ryose turimo kandi imbaga y'Abamalayika n'Abatagatifu irimo, kugira ngo ugushaka kwa DATA kuzuzwe kandi ugushaka kwa DATA kumenyekane mu Isi hose, kuko ibyagiye bitera Mwene Muntu amakimbirane kandi ibyagiye bimutera kwiyahura kandi akajya mu biganza by'umwanzi ari byinshi, akaba ari igihe cyo kugira ngo izo mbaraga zose azamburwe, kandi ubwo burenganzira yiyumvagamo abukurwemo, bityo yumve gukunda kandi ategekwe

n’ijambo ry’urukundo ndetse ijambo ry’amahoro, agomba guha mugenzi we kandi akayaharanira, akayatunga, akayatungisha n’abandi. Ni igihe rero cyo kugira ngo ububasha bw’Imana buzimye kandi buzimize abo bose babuza abandi amahoro kandi buzimye igitera muntu kwiburamo amahoro no kuyabuza abandi, kuko byose bizaba umuyonga kandi byose bikaba imfabusa mu maso y’abana b’Imana, bityo buri wese ahubwo agaharanira gushaka amahoro kandi agaharanira kuyaha mugenzi we.

Byose rero bizakorwa n’urukundo rw’Imana, kandi byose byateguwe mu rukundo rw’Imana, kugira ngo ububasha bw’Imana bwigaragaze kandi ububasha bw’Imana bureme byose, buhindure byose, bityo urukundo rw’Imana rwonyine abe arirwo ruyobora Isi kandi abe arirwo ruyobora Mwene Muntu, mu kukugana ku isoko y’amahoro kandi mu gutanga amahoro abigiriye urukundo rw’uwamukunze, kandi abigiriye ububasha bw’Imana isumba byose. Ni igihe rero cy’izo mbaraga zikomeye kandi ni igihe cy’ubwo bubasha bukomeye, bugomba gufasha buri wese kuyoboka Imana kandi bugomba gufasha buri wese gukunda Imana, atayibangikanije kandi atayituje mu bimutera amahari ndetse n’amashyari, kuko ibyo byose bizaba byakuwe mu nzira, maze Mwene Muntu icyamuteraga inda nini bigatuma ashakashaka icyabuza mugenzi we amahoro nicyayamuvutsa ibyo byose ntibizaba bikiriho, kuko Uhoraho azaba yarumbuye byose kandi agahaza buri

wese ku rukundo rwe kugira ngo abashe kubaho muri ayo mahoro kandi abashe kuyaharanira no kuyaha mugenzi we, kuko ikizaba kiyoboye ari urukundo, ari ibyishimo nayo mahoro buri wese azatuzwamo kandi akayaha mugenzi we.

Ni igihe rero cy'imbaraga zikomeye kugira ngo ubwo bubasha bwigaragaze kandi buzimize icyo kibi cyose, kandi buzimye iyo myambi igurumana ituruka kuri sekibi, kuko izaba yambuwe ububasha kandi yakuwe mu mbaraga yakandamizaga Mwene Muntu kandi mu gitugu yashyiragaho Mwene Muntu, bityo agashya ubwoba akajya ahamworoheye kandi akishora mu biguruka by'umwanzi, ariko ni igihe cyo kugira ngo Mwene Muntu aturishwe umutima kandi atekanishwe mu mutima, bityo yakire amahoro kandi yumveko agomba kubaka kuri Kristu watsinze we Nyagasani Imana, bityo amubere umuyobozi kandi umugenga wa buri kimwe cyose.

Amahoro rero agomba gutsinda urwango kandi amahoro agatsinda inzangano, amahoro agatsinda ikibi cyose n'umwiryane, ahubwo Mwene Muntu agatuzwa mu rukundo kandi akabaho mu byishimo bikomoka ku Mana Umubyeyi w'ibyaremwe byose. Ni imbaraga rero z'ububasha bw'Imana kandi ni imbaraga z'ubutegetsi bw'Imana, buzakora byose kandi bugahindura byose kuko Mwene Muntu atifiteho uburenganzira kandi Mwene Muntu atifiteho uburenganzira bwo kubuza abandi amahoro, ndetse no kuvusha abandi amahoro,

kuko ari igihe cyo kugira ngo amahoro atuzwe mu Isi kandi amahoro yimikwe mu Isi, bityo buri wese amenye ko asangiye na mugenzi we isano ry'urukundo rwa Kristu, kandi isano ryo mu maraso Kristu yemeye kumena, kugirango ayo maraso ayamenere buri wese kandi ayozemo buri wese ibyaha, bityo haboneke kubabara ndetse kubabarirana kuri buri wese, yumva ko mugenzi we ari urukundo kandi ari inkingi imushyigikiye kandi inkingi imukomeza mu kugana Imana ndetse no mu gufashanya mu buryo bw'abana b'Imana, mu gushyigikirana ndetse no kubakana bishingiye ku rukundo kandi biturutse ku mbaraga z'urukundo.

Amahoro rero ni urufunguzo rwa byose mu mubano w'abantu, no mu mubano w'Imana na Mwene Muntu, kuko amahoro aha umuntu ubwisanzure kandi amahoro agakuraho inkuta zose, bityo uyafite akagendera mu rumuri kandi akabaho mu ituze n'ibyishimo. Ni igihe rero cyo kuyubaka mu Isi kuko ntacyo Uhoraho yifurije Mwene Muntu kandi ntacyo Uhoraho yatumye kiba mu Isi atazi icyo agishyiriyeho kandi atazi izo mbaraga amanuye mu Isi icyo zigomba gukora ndetse nicyo zigomba guhindura mu buzima bwa Mwene Muntu. Ni igihe rero cyo kugira ngo amahoro y'Uhoraho yigaragaze kandi ahindure byinshi mu Isi, agaragarize Mwene Muntu imbaraga zo gukomera kandi zo kwegukira uwamuhanze, kandi byose bikazakorwa mu bubasha bw'Imana mu guhagarika buri kimwe cyose aho kiri kandi mu guhindura buri wese aho ari kugira ngo yakire amahoro, Isi yose

isenderezwe amahoro kandi Isi yose ibeho mu bubengerane n’urumuri rukomoka mu mahoro y’umugabyi ariwe MANA DATA kandi umugabyi wa byose kubo yaremye kandi kurukundo afitiye ikiremwa muntu kandi afitiye Isi yose, muri rusange mu kuyihindura no kuyisakazamo ibyiza bye, kandi kuyisakazamo ibikorwa bye byuje ubuziranenge kandi ibikorwa bye by’urukundo bigomba kugirira Mwene Muntu akamaro kandi bigomba guhindura Mwene Muntu, bikamwubakamo imbaraga zikomeye kandi bikamwubakamo ububasha butavogerwa kandi ububasha budashyikirwa bushingiye kuri ayo mahoro kandi bushingiye kuri izo mbaraga.

# UMWANZURO

Amahoro ntareba abemera Imana gusa kandi amahoro ntareba runaka n'uriya kandi amahoro ntagenewe igihugu kimwe ngo ikindi kiyabuze abandi kuko amahoro ari ishingiro ry'ubumwe bw'abana b'Imana, kandi amahoro akaba ari imbaraga zikomoka mu buremyi bw'Imana yo yahanze byose kuko yabihangiye mu ituze kandi igashyiraho ayo mahoro, kugira ngo Mwene Muntu ayadendezwemo kandi ayaturemo akaba ariyo mpamvu amahoro areba buri wese kandi amahoro akaba agenewe buri wese.

Nta numwe rero ufite uburenganzira bwo kuvusha mugenzi we amahoro ndetse no kumuvutsa ayo mahoro bityo akaba ariyo mpamvu ububasha bw'Imana kandi ububasha bw'Imana bwihorera kubavutsa abandi amahoro kandi ku bakuramo abandi amahoro, babashyira aho batagakwiriye kubashyira kandi babagira uko batagakwiriye kubagira, kuko uwibuzemo amahoro aba yuzuye urwango kandi aba yuzuye inabi ikomeye. Ni igihe rero cyo kugira ngo amahoro atsinde kandi abazize amahoro kandi abazize mu gutangaza icyiza cy' amahoro kugirango bigaragarize Isi yose mu gusakaza ayo mahoro kandi mukuyahinduza benshi mu Isi.

Amahoro rero agomba kuba ikimenyetso cy'ubumwe bw'abana b'Imana kandi akaba ikimenyetso cy'ubwiyunge nyakuri bw'abemeye Imana kandi bwabakiriye ugushaka kw'Imana kuko amahoro

azagaragaza intsinzi yanyuma kandi amahoro agatangaza ibyishimo kuri bose mu bana b'Imana. Ni igihe rero cyo kugira ngo amahoro yigaragaze kandi amahoro asenye ingoma zose zishingiye ku mwanzi, kuko amahoro azatsinda kandi akaba ariyo Kristu yifurije Isi yose kandi yatangaje mu Isi hose bityo abahawe amahoro nawe ntakibakumira, ntakibavogera, ntanikibahagarika kuko amahoro ari ubutwari kandi amahoro akaba ubutwarane bukomeye ku bemeye kuyabamo no kuyaturamo kuko abarwanirira kandi akabafasha kugera ku mutsindo ukomeye.

Nkomeje rero guhamagarira abana b'Imana, kandi nkomeje guhamagarira buri kiremwa muntu kwakira amahoro muri cyo hakiri kare kandi kuyaturamo bigishoboka kuko nta numwe utazatuzwa mu mahoro kandi nta numwe utazabaho mu ituze n'amahoro bikomoka ku Mana. Niyo mpamvu rero nifurije buri wese amahoro kandi nkomeje kuyasakaza kuri buri wese kugira ngo Isi yose yumve ko amahoro aruta byose, kandi amahoro atanga umutekano agatanga gutunga ndetse no guhirwa kuri buri kimwe cyose

Amahoro rero ni ishingiro ry'ubuzima nyakuri kandi amahoro ni umunezero w'abana b'Imana, akaba urukundo rw'abemeye Imana ndetse n'abayakiriye muribo. Ni igihe rero cyo kugira ngo amahoro atsinde kandi amahoro tuyagaragarize Isi yose kuko ugutsindwa kumwanzi sekibi kwegereje kandi ingoma ye n'intambara

ikaba igiye guhirikwa kugirango ububasha bw'Imana bwigaragaze kandi bwubake byose mu Isi bishingiye ku ituze n' amahoro ku kiremwa muntu, kandi kuri Mwene Muntu wese.

Bana b'Imana nimubeho mu mahoro kandi muyaharanire iteka, kuko abatera amahoro aribo bazitwa abana b'Imana kandi bagasangira na Yezu Kristu umurage wa Se bityo akaba ariyo mpamvu nifurije buri wese gutura mu mahoro kandi kuyakira nk'umurage agenewe kandi nk'umurage umugira kuba umwana w'Imana bityo uwibuzemo amahoro yumve ko yatandukiriye kandi yatannye ava ku muremyi we, kandi ava mu kuba umwana w'Imana ahubwo ari kwirukira kuba umwana wa sekibi. Ntabwo rero nifuriza ko hari uwakwivutsa amahoro kandi ko hari uwakanga gutura mu mahoro ngo yirukire umwanzi kandi azi uwo akesha byose kandi azi uwo akesha umwuka ahumeka n'ubuzima afite ariwe DATA wa twese kandi umuremyi n'umugenga w'ibiriho byose.

Niyo mpamvu rero amahoro agomba gutsinda kandi amahoro akagaragaza abari mu bwami bw'ibyiza by'ijuru kandi abari mu bwami bw'ingoma y'Imana ko bagomba kurangwa na amahoro kandi bakayaharanira bakayaha n'abandi.

Nifurije rero buri wese amahoro kandi nsakaje amahoro mu Isi hose kuko na niyi saha nyiri umugabuzi wayo kandi nkaba nkiri umugabyi wayo mu buryo bukomeye mu

kwereka bose ugutsindwa kwabo kandi mu kwereka umwanzi ugutsindwa kwe kuko ubwami bwe bw'inabi butazatsinda ari igihe cyo kugira ngo imbaraga zacu mu mahoro yose zigaragare kandi zigaragarize Isi yose mu buryo bw'agatangaza.

Nimugubwe neza rero ntore z'Imana kandi muharanire iteka kuba ababibyi b'amahoro no gusakaza amahoro mu bandi kugira ngo biyumvemo ibyishimo kandi biyumwemo iruhuko rikomoka ku Mana umutegetsi n'umugenga wa byose.

AMAHORO! AMAHORO! IBIHE BYIZA! KUGUBWA NEZA! NDAYABIFURIJE KANDI NI IGIHE CYO KUGIRA NGO TUYAMBIKE ISI YOSE IYABEMO KANDI AMAHORO AYIBERE UMWAMBARO UYIBEREYE KANDI UMWAMBARO UDASHOBORA DUTSINDWA KANDI UDASHOBORA KUGAMBURUZWA N'UMWANZI.

AMAHORO! AMAHORO! IBIHE BYIZA! KUGUBWA NEZA! IMBARAGA KU BEMERA IMANA KANDI KU BAKATARIJE URUKUNDO N'AMAHORO MU ISI KUGIRA NGO MUKOMERE KANDI MUKOMEZE KUGARAGAZA ISOKO MUVOMAHO Y'AMAHORO YA KRISTU KUKO ATIHISHIRA KANDI ATAGENDERA MU MWIJIMA AHUBWO ITEKA AGENDERA MU RUMURI.

AMAHORO! AMAHORO! IBIHE BYIZA, KUGUBWA NEZA, NDI MUTAGATIFU KIZITO, AMAHORO! AMAHORO! NTORE Z'IMANA DUKUNDA, AMAHORO! AMAHORO!